ITEGEKO N° 41/2016 RYO KU WA 15/10/2016 RISHYIRAHO LABORATWARI Y’U RWANDA Y’IBIMENYETSO BISHINGIYE KU BUMENYI N’UBUHANGA BIKORESHA MU BUTABERA, RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N’IMIKORERE BYAYO	LAW N°41/2016 OF 15/10/2016 ESTABLISHING THE RWANDA FORENSIC LABORATORY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING	LOI N° 41/2016 DU 15/10/2016 PORTANT CREATION DU LABORATOIRE RWANDAIS DE MEDECINE LEGALE ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIERES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u>
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Law</u>	<u>Article premier: Objet de la présente loi</u>
<u>Ingingo ya 2: Ubuzima gatozi n’ubwisanzure</u>	<u>Article 2: Legal personality and autonomy</u>	<u>Article 2: Personnalité juridique et autonomie</u>
<u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by’amagambo</u>	<u>Article 3: Definitions of terms</u>	<u>Article 3: Définitions des termes</u>
<u>Ingingo ya 4: Icyiciro RFL ihereyemo</u>	<u>Article 4: Category of RFL</u>	<u>Article 4: Catégorie de RFL</u>
<u>Ingingo ya 5: Icyicaro cya RFL</u>	<u>Article 5: Head office of RFL</u>	<u>Article 5: Siège de RFL</u>
<u>UMUTWE WA II: INSHINGANO N’UBUBASHA BYA RFL</u>	<u>CHAPTER II: MISSION, POWERS AND SUPERVISING AUTHORITY OF RFL</u>	<u>CHAPITRE II: MISSIONS, POUVOIRS ET ORGANE DE TUTELLE DE RFL</u>
<u>Ingingo ya 6: Inshingano za RFL</u>	<u>Article 6: Mission of RFL</u>	<u>Article 6: Missions de RFL</u>
<u>Ingingo ya 7: Ububasha bwa RFL</u>	<u>Article 7: Powers of RFL</u>	<u>Article 7: Pouvoirs de RFL</u>
<u>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RFL N’AMASEZERANO Y’IMIHIHO</u>	<u>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RFL AND PERFORMANCE CONTRACT</u>	<u>CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RFL ET CONTRAT DE PERFORMANCE</u>
<u>Ingingo ya 8: Urwego rureberera RFL</u>	<u>Article 8: Supervising authority of RFL</u>	<u>Article 8: Autorité de tutelle de RFL</u>

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

<u>Ingingo ya 9:</u> Amasezerano y'imihigo	<u>Article 9:</u> Performance contract	<u>Article 9:</u> Contrat de performance
UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RFL	CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RFL	CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RFL
<u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RFL	<u>Article 10:</u> Management organs of RFL	<u>Article 10:</u> Organes de direction de RFL
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ya RFL	<u>Section One:</u> Board of Directors of RFL	<u>Section première:</u> Conseil d'Administration de RFL
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Composition of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Composition du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Ububasha bw'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Powers of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Perezida w'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 14:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Visi-Perezida w'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 15:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 15:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 16:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 16:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors	<u>Article 16:</u> Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zituma ugize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 17:</u> Reasons for cessation of membership to the Board of Directors and replacement	<u>Article 17:</u> Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 18:</u> Convening and holding of meetings of the Board of Directors and modalities for decision making	<u>Article 18:</u> Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

<u>Ingingo ya 19:</u> Itumira mu nama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 19:</u> Invitation of a resource person in meetings of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 20:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 20:</u> Approbation des résolutions et procès-verbaux de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 21:</u> Umwanditsi w'inama z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 21:</u> Rapporteur of the Board of Directors	<u>Article 21:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 22:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 22:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 22:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibigenerwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 23:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 23:</u> Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RFL	<u>Article 24:</u> Composition of the Executive Organ of RFL	<u>Article 24:</u> Composition de l'Organe Exécutif eu RFL
<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 25:</u> Responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 25:</u> Attributions de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RFL	<u>Article 26:</u> Powers and responsibilities of the Director General of RFL	<u>Article 26:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de RFL
<u>Ingingo ya 27:</u> Sitati igenga abakozi ba RFL	<u>Article 27:</u> Statute governing the staff of RFL	<u>Article 27:</u> Statut régissant le personnel de RFL
<u>Ingingo ya 28:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo	<u>Article 28:</u> Organizational structure	<u>Article 28:</u> Cadre organique
<u>Ingingo ya 29:</u> Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RFL	<u>Article 29:</u> Salaries and other fringe benefits for members of the Executive Organ of RFL	<u>Article 29:</u> Salaires et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de RFL

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

<u>Ingingo ya 30:</u> Uburyo bw'imikorere	<u>Article 30:</u> Functioning modalities	<u>Article 30:</u> Modalités de fonctionnement
<u>Ingingo ya 31:</u> Imikoranire ya RFL n'ibindi bigo	<u>Article 31:</u> Collaboration between RFL and other institutions	<u>Article 31:</u> Collaboration entre RFL et autres institutions
<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI BYA RFL	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE OF RFL	<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES DE RFL
<u>Ingingo ya 32:</u> Umutungo wa RFL	<u>Article 32:</u> Property of RFL	<u>Article 32:</u> Patrimoine de RFL
<u>Ingingo ya 33:</u> Iyemezwa n'imirungire by'ingingo y'imari ya RFL	<u>Article 33:</u> Approval and management of the budget of RFL	<u>Article 33:</u> Adoption et gestion du budget de RFL
<u>Ingingo ya 34:</u> Imikoreshereze, imirungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 34:</u> Use, management and audit of property	<u>Article 34:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 35:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari	<u>Article 35:</u> Annual financial report	<u>Article 35:</u> Rapport de l'exercice financier
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 36:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 36:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 36:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 37:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 37:</u> Repealing provision	<u>Article 37:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 38:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 38:</u> Commencement	<u>Article 38:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

ITEGEKO N° 41/2016 RYO KU WA 15/10/2016 RISHYIRAHU LABORATWARI Y’U RWANDA Y’IBIMENYETSO BISHINGIYE KU BUMENYI N’UBUHANGA BIKORESHA MU BUTABERA, RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N’IMIKORERE BYAYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 06 Nzeri 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 121, iya 139, 165 n’iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

LAW N°41/2016 OF 15/10/2016 ESTABLISHING THE RWANDA FORENSIC LABORATORY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 06 September 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 121, 139, 165 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

LOI N°41/2016 DU 15/10/2016 PORTANT CREATION DU LABORATOIRE RWANDAIS DE MEDECINE LEGALE ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 06 septembre 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 121, 139, 165 et 176;

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho Laboratwari y'u Rwanda y'ibimenyetso bishingiye ku bumenyi n'ubuhanga bikoreshwa mu butabera, yitwa "RFL" mu magambo ahinnye y'Icyongereza, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

This Law establishes Rwanda Forensic Laboratory, abbreviated as "RFL" and determines its mission, organization and functioning.

La présente loi porte création du Laboratoire Rwandais de Médecine Légale, "RFL" en sigle anglais et détermine ses missions, son organisation et son fonctionnement.

Ingingo ya 2: Ubuzima gatozi n'ubwisanzure

Article 2: Legal personality and autonomy

Article 2: Personnalité juridique et autonomie

RFL ni ikigo cya Leta gifite ubuzima gatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo, icungwa kandi hashingiwe ku mategeko abigenga.

RFL is a public institution having legal personality and enjoying administrative and financial autonomy and is governed in accordance with relevant laws.

RFL est un établissement public doté d'une personnalité juridique et jouissant d'une autonomie administrative et financière et est géré conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions of terms

Article 3: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

For the purposes of this Law, the following terms have the following meanings:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **uturemangingo:** uduce tuboneka mu bigize ikinyabuzima dufite amakuru agaragaza uruhererekane rw'inkomoko y'isano;

1° **DNA:** nucleic part of a living being carrying its genetic chain information;

1° **ADN:** molécule support qui porte l'information de la chaîne génétique d'un organisme vivant;

2° **icyemezo cy'ubuhanga:** ubuhamyanya butanzwe n'abahanga buboneka hifashishijwe ubumenyi bwihariye.

2° **scientific expertise:** scientific testimony which is obtained by way of specific skills.

2° **expertise scientifique:** témoignage scientifique obtenu grâce à des connaissances particulières.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 4: Icyiciro RFL iherereyemo

RFL iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi.

Ingingo ya 5: Icyicarwo cya RFL

Icyicarwo cya RFL kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

RFL ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RFL

Ingingo ya 6: Inshingano za RFL

RFL ifite inshingano rusange yo guha abayigana serivisi zo gusuzuma no gupima ibimenyetso mu buryo bwa gihanga byakenerwa mu butabera n'izisabwa n'abantu ku giti cyabo cyangwa izindi nzeho n'imiryango baba abo mu gihugu cyangwa abo mu mahanga. Ifite kandi inshingano yo kwihaza mu ngingo y'imari no gusagurira isanduku ya Leta.

By'umwihariko RFL, ibisabwe n'uwo ariwe wese ubikeneye, ifite inshingano zikurikira:

1° gukusanya, gupfunyika, gutwara, kwakira, kubika no gusuzuma ibimenyetso by'ahakorewe icyaha;

Article 4: Category of RFL

RFL falls within the category of commercial public institutions.

Article 5: Head office of RFL

The head office of RFL is located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

RFL may, in order to fulfil its mission, have branches elsewhere on the national territory if deemed necessary, upon approval by the Board of Directors.

CHAPTER II: MISSION, POWERS AND SUPERVISING AUTHORITY OF RFL

Article 6: Mission of RFL

RFL has the overall mission of providing its clients with services of conducting scientific analysis of evidence for judicial purposes and services requested by individuals or other institutions and organizations whether inside or outside the country. It also has the mission of financial self-sustenance and contribution to the public treasury.

Upon request by any person in need, RFL particularly has the following responsibilities:

1° to collect, package, transport, receive, store and analyse evidences from the scene of crime;

Article 4: Catégorie de RFL

RFL rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère commercial.

Article 5: Siège de RFL

Le siège de RFL est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu sur le territoire national en cas de besoin.

Pour remplir sa mission, RFL peut, en cas de besoin, établir des agences en tout autre lieu du territoire national, sur approbation du Conseil d'Administration.

CHAPITRE II: MISSIONS, POUVOIRS ET ORGANE DE TUTELLE DE RFL

Article 6: Missions de RFL

RFL a pour mission globale de donner à ses clients les services d'analyse scientifique des preuves pour des fins judiciaires et des services demandés par des individus ou d'autres institutions et organisations se trouvant dans le pays ou à l'étranger. Il a également la mission de s'autofinancer et de contribuer au trésor public.

A la demande de toute personne qui en a besoin, RFL a particulièrement les attributions suivantes:

1° recueillir, emballer, transporter, recevoir, conserver et analyser les preuves de la scène de crime;

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

2° gusesengura mu buryo bwa gihanga ibimenyetso byakenerwa mu butabera;	2° to conduct a scientific analysis of evidences for judicial purposes;	2° mener une analyse scientifique des preuves pour des fins judiciaires;
3° gufata no gusuzuma ibizamini byerekeranye n'ibi bikurikira:	3° to take and analyse samples relating to the following:	3° recueillir et analyser les échantillons en rapport avec ce qui suit:
a. ibikumwe, uturemangingo n'ibindi byose byaba bifitanye isano n'umubiri w'umuntu bikenewe kugira ngo ukuri kumenyekane;	a. fingerprints, deoxyribonucleic acid (DNA) and other proofs in relation to a person's body, that are necessary to discover the truth;	a. empreintes digitales, acide désoxyribonucléique (ADN) et autres preuves en relation avec le corps d'une personne nécessaires pour découvrir la vérité;
b. amarozi, imiti, alukoro n'ibindi byahumanya;	b. poison, drugs, alcohol and other toxic substances;	b. poison, médicaments, alcool ou toute autre substance toxique;
c. inyandiko, imikono, intwano n'ibindi byose bikekwaho kwifashishwa mu gukora icyaha.	c. documents, signatures, weapons and any other thing purportedly used in the crime commission.	c. documents, signatures, armes et tout autre objet soupçonné d'être utilisé dans la commission du crime.
4° gusuzuma ibimenyetso byerekeranye n'ikoranabuhanga byakenerwa mu butabera;	4° to analyse electronic evidence for judicial purposes;	4° analyser les preuves électroniques pour des fins judiciaires;
5° guha uwabisabye icyemezo kigaragaza ibisubizo by'isuzumwa ryakozwe;	5° to issue to the applicant a certificate of forensic results;	5° délivrer au requérant l'attestation des résultats d'analyses effectuées;
6° kubika amakuru ajyanye n'inshingano zayo;	6° to keep data related to its mission;	6° conserver les données en rapport avec sa mission;
7° gukora ubushakashatsi no gutanga amahugurwa bigamije guteza imbere ibikorwa biri mu nshingano zayo.	7° to conduct research and provide training to foster development of activities falling within its mission.	7° mener des recherches et dispenser la formation pour assurer la promotion des activités qui rentrent dans sa mission.
Kubika amakuru n'uburyo bikorwamo bigenwa n'Iteka ry Perezida.	Data banking and its procedure are determined by a Presidential Order.	La constitution d'une banque de données et sa procédure sont déterminées par un arrêté présidentiel.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 7: Ububasha bwa RFL

RFL ifite ububasha bwo gukora ibikorwa bikurikira:

- 1° gukora imirimo y'ubucuruzi ijyanye n'inshingano zayo;
- 2° gushyiraho amashami cyangwa abayihagarariye imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hagamijwe gukora imirimo iri mu nshingano zayo;
- 3° kugirana amasezerano y'ubucuruzi n'abantu cyangwa ibigo imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hagamijwe kuyigeza ku nshingano zayo;
- 4° gutunga cyangwa kugura imigabane mu bindi bigo cyangwa sosiyeti ndetse no kugurisha iyo migabane;
- 5° gupiganira amasoko no gukora imirimo y'impuguke imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hashingiwe ku masezerano;
- 6° kwaka inguzanyo nyuma yo kubihirwa uruhushya na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo;
- 7° kugura no kugurisha umutungo na serivisi hakurikijwe amategeko ngengamikorere ashwirwaho n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi;

Article 7: Powers of RFL

RFL has powers to carry out the following activities:

- 1° to engage in commercial activities related to its mission;
- 2° to establish branches or appoint its representatives inside or outside the country in order to carry out activities falling within its mission;
- 3° to enter into commercial contracts with individuals or legal entities inside or outside the country in order to achieve its mission;
- 4° to hold or purchase shares in other corporations or companies as well as selling such shares;
- 5° to bid for tenders and perform consultancy services inside or outside the country on contracts basis;
- 6° to apply for loans upon authorization by the Ministry in charge of finance;
- 7° to purchase and sell goods and services in accordance with the rules and regulations adopted by the Board of Directors;

Article 7: Pouvoirs de RFL

RFL dispose des pouvoirs de mener les activités suivantes:

- 1° réaliser les activités commerciales liées à sa mission;
- 2° établir des branches ou désigner ses représentants à l'intérieur du pays ou à l'étranger pour réaliser les activités relevant de sa mission;
- 3° conclure des contrats commerciaux avec les individus ou les entités légales à l'intérieur du pays ou à l'étranger dans le but d'atteindre sa mission;
- 4° détenir ou acheter des actions dans d'autres entreprises ou sociétés commerciales ainsi que vendre ces actions;
- 5° soumissionner pour les marchés et exécuter les services de consultance à l'intérieur du pays ou à l'étranger sur base de contrats;
- 6° demander des crédits sur autorisation du Ministère ayant les finances dans ses attributions;
- 7° acheter et vendre les biens et les services conformément au règlement d'ordre intérieur adopté par le Conseil d'Administration;

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

8° gushaka abakozi hakurikijwe sitati igenga abakozi ba RFL;

9° gucunga imari n'umutungo hakurikijwe amategeko ngengamikorere aboneye ubucuruzi ashirwaho n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.

8° to recruit staff in accordance with the statutes governing the staff of RFL;

9° to manage funds and property in accordance with appropriate business rules adopted by the Board of Directors.

8° recruter le personnel conformément au statut régissant le personnel de RFL;

9° gérer les fonds et le patrimoine conformément aux règles commerciales appropriées adoptées par le Conseil d'Administration.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RFL N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RFL AND PERFORMANCE CONTRACT

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RFL ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Ingingo ya 8: Urwego rureberera RFL

Article 8: Supervising authority of RFL

Article 8: Autorité de tutelle de RFL

Urwego rureberera RFL rugenwa n'iteka rya Ministiri w'Intebe.

The supervising authority of RFL is determined by a Prime Minister's Order.

L'autorité de tutelle de RFL est déterminée par un arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 9: Amasezerano y'imihigo

Article 9: Performance contract

Article 9: Contrat de performance

RFL ikorera ku masezerano y'imihigo.

RFL operates on the basis of performance contract.

RFL fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Uburyo RFL ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of RFL are determined by relevant laws.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de RFL sont déterminées par la législation en la matière.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RFL

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RFL

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RFL

Ingingo ya 10: Inzego z'ubuyobozi za RFL

Article 10: Management organs of RFL

Article 10: Organes de direction de RFL

Inzego z'ubuyobozi za RFL ni izi zikurikira:

The management organs of RFL are the following:

Les organes de direction de RFL sont les suivants:

1° Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi;

1° the Board of Directors;

1° le Conseil d'Administration;

2° Urwego Nshingwabikorwa.

2° the Executive Organ.

2° l'Organe Exécutif.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Icyiciro cya mbere: Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi ya RFL

Section One: Board of Directors of RFL

Section première: Conseil d’Administration de RFL

Ingingo ya 11: Abagize Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi

Article 11: Composition of the Board of Directors

Article 11: Composition du Conseil d’Administration

Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi rugizwe n’abantu barindwi (7) bashyirwaho n’Iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi-Perezida barwo.

The Board of Directors is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Le Conseil d’Administration est composé de sept (7) membres nommés par un arrêté présidentiel, dont le Président et le Vice-Président.

Abagize Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n’ubuzobere byabo.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

Les membres du Conseil d’Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by’abagize Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

At least thirty percent (30%) of members of the Board of Directors are females.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d’Administration sont de sexe féminin.

Igihe abagize Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n’uko basimburwa bigenwa n’Iteka rya Perezida.

The term of office of members of the Board of Directors as well as modalities for their replacement is determined by a Presidential Order.

La durée du mandat des membres du Conseil d’Administration ainsi que les modalités de leur remplacement sont déterminées par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 12: Ububasha bw’Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi

Article 12: Powers of the Board of Directors

Article 12: Pouvoirs du Conseil d’Administration

Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi rwa RFL ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no gufata ibyemezo. Rufite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n’umutungo bya RFL kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

The Board of Directors of RFL is the supreme management and decision making organ. It has absolute power to make decisions regarding administration, human resources and property of RFL in order to fulfil its mission.

Le Conseil d’Administration de RFL est l’organe suprême de direction et de décision. Le Conseil d’Administration a le pouvoir absolu de prise de décisions en ce qui concerne l’administration, les ressources humaines et le patrimoine de RFL pour mieux s’acquitter de sa mission.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 13: Inshingano z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi

Inshingano z'ingenzi z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rwa RFL ni izi zikurikira:

- 1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa no gutanga umurongo ngenderwaho mu kuzuza inshingano zarwo;
- 2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa bya RFL hamwe na raporo zijyana na byo;
- 3° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera RFL no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;
- 4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RFL;
- 5° kwemeza imbanzirizamushinga cyangwa umushinga by'ingengo y'imari ya RFL no gukurikirana ikoreshwa n'ishyirwa mu bikorwa byayo;
- 6° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;
- 7° gukemura ibibazo by'imikoranire hagati y'ubuyobozi n'abakozi ba RFL no kubagira inama;
- 8° gutanga buri gihembwe raporo y'ibikorwa ku rwego rureberera RFL;

Article 13: Responsibilities of the Board of Directors

The main responsibilities of the Board of Directors of RFL are the following:

- 1° to follow up the functioning of the Executive Organ and provide guidelines for fulfilling its duties;
- 2° to adopt the RFL strategic plan and action plan as well as related reports;
- 3° to conclude the performance contract with the supervising authority of RFL and follow up its implementation;
- 4° to adopt rules and regulations of RFL;
- 5° to adopt the draft budget proposal or draft budget of RFL and follow up its use and its implementation;
- 6° to adopt the report of activities and use of property of the previous year;
- 7° to solve problems of collaboration between management and RFL staff and provide them with advice;
- 8° to submit quarterly the activity report to the supervising authority;

Article 13: Attributions du Conseil d'Administration

Les attributions principales du Conseil d'Administration de RFL sont les suivantes:

- 1° faire le suivi du fonctionnement de l'Organe Exécutif et lui donner les lignes directrices pour s'acquitter de ses tâches;
- 2° adopter le plan stratégique et le plan d'action de RFL ainsi que les rapports y relatifs;
- 3° conclure le contrat de performance avec l'autorité de tutelle de RFL et faire le suivi de sa mise en œuvre;
- 4° adopter le règlement d'ordre intérieur de RFL;
- 5° adopter l'avant-projet ou le projet de budget de RFL et faire le suivi de son utilisation et de son exécution;
- 6° adopter le rapport d'activités et de l'utilisation du patrimoine de l'année précédente;
- 7° résoudre les problèmes de collaboration entre la direction et le personnel de RFL et leur donner des conseils;
- 8° soumettre trimestriellement à l'autorité de tutelle le rapport d'activités;

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

9° gufata icyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za RFL.

9° to make a decision on all difficult issues falling within the mission of RFL.

9° prendre une décision sur toutes les questions difficiles relevant de la mission de RFL.

Ingingo ya 14: Inshingano za Perezida w'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi

Article 14: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors

Article 14: Attributions du Président du Conseil d'Administration

Perezida w'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

1° kuyobora Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byarwo;

1° to chair the Board of Directors and coordinate its activities;

1° présider le Conseil d'Administration et coordonner ses activités;

2° gutumiza no kuyobora inama z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi;

2° to convene and chair the meetings of the Board of Directors;

2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;

3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ya RFL urwego ruyireberera;

3° to submit minutes of the meetings of the Board of Directors of RFL to its supervising authority;

3° soumettre les procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration à l'autorité de tutelle;

4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera RFL;

4° to sign the performance contract between the Board of Directors and the supervising authority of RFL;

4° signer le contrat de performance conclu entre le Conseil d'Administration et l'autorité de tutelle de RFL;

5° gushyikiriza raporo za RFL zemejwe n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;

5° to submit RFL reports adopted by the Board of Directors to relevant organs;

5° soumettre les rapports de RFL adoptés par le Conseil d'Administration aux organes compétents;

6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ;

6° to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors;

6° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration;

7° gukora indi mirimo yasabwa n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zarwo.

7° to perform any other duty as may be assigned to him/her by the Board of Directors falling within its mission.

7° effectuer toute autre tâche lui assignée par le Conseil d'Administration relevant de sa mission.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 15: Inshingano za Visi-Perezida w'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi

Visi-Perezida w'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

1. kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;
2. gukora imirimo yose yasabwa n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.

Ingingo ya 16: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi

Abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RFL.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na RFL.

Ingingo ya 17: Impamvu zituma ugize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ava kuri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo

Article 15: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors

The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

- 1° to assist the Chairperson and replace him/her in case of his/her absence;
- 2° to perform any duty that the Board of Directors may assign to him/her .

Article 16: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors are not allowed to perform any remunerated activity within RFL.

They are also not allowed, whether individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of RFL.

Article 17: Reasons for cession of membership to the Board of Directors and replacement

A member of the Board of Directors loses membership if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he/she resigns in writing;
- 3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to the physical or mental disability certified

Article 15: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration

Le Vice-Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président et le remplacer en cas de son absence;
- 2° effectuer toute tâche que le Conseil d'Administration peut lui confier.

Article 16: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de RFL.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RFL.

Article 17: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

- 1° son mandat expire;
- 2° il démissionne par écrit;
- 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

mu mutwe, byemejwe n’akanama k’abaganga batatu (3) bemewe na Leta;	by a committee of three (3) authorized medical doctors;	constatée par une commission de trois (3) médecins agréés;
4° akatiwe burundu igihano kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	4° he/she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgement;	4° il est définitivement condamné à une peine d’emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
5° asibye inama ishuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;	5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons;	5° il s’absente dans les réunions trois (3) fois consécutives sans raisons valables;
6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo ;	6° he/she manifests any behaviour likely to compromise his/her dignity, that of his/her work or his/her position;	6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;
7° abangamira inyugu za RFL;	7° he/she jeopardizes the interests of RFL;	7° il compromet les intérêts de RFL;
8° ahamwe n’icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy’ingengabitekerezo ya jenocide;	8° he/she is convicted of the crime of genocide or of genocide ideology;	8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d’idéologie du génocide;
9° iyo atacyujuje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;	9° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment;	9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé;
10° apfuye.	10° he/she dies.	10° il décède.

Iyo umwe mu bagize Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y’uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza iyo manda.

Ingingo ya 18: Itumizwa n’iterana ry’inama z’Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo

Inama y’Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi ya RFL iterana rimwe mu gihembwe n’igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi

In case a member of the Board of Directors leaves office before expiry of his/her term of office, the competent authority appoints his/her substitute to complete such a term of office.

Article 18: Convening and holding of meetings of the Board of Directors and modalities for decision making

The meeting of the Board of Directors of RFL is held once in every quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in

Lorsqu’un membre du Conseil d’Administration perd la qualité de membre avant l’expiration de son mandat, l’organe compétent nomme son remplaçant pour terminer ce mandat.

Article 18: Convocation et tenue des réunions du Conseil d’Administration et modalités de prise de décisions

La réunion du Conseil d’Administration de RFL se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.	case of absence of its Chairperson, at his/her own initiative or upon request in writing by at least a third (1/3) of its members.	Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou sur demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.
Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.	The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.	L'invitation est adressée aux membres du Conseil d'Administration par écrit au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.
Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane.	However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the meeting is held.	Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.
Mu byigwa n'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.	Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports for the previous year.	Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et d'activités de l'année précédente.
Buri gihembwe kandi, Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rugomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa urwego rureberera RFL.	In every quarter, the Board of Directors examines the financial and activity reports relating to the previous quarter to be transmitted to the organ supervising RFL.	Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner également le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'organe de tutelle de RFL.
Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.	The required quorum for a meeting of the Board of Directors to take place is two thirds (2/3). However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of the number of members present.	Le quorum exigé pour la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3). Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre des membres présents.
Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.	The Director General attends the Board's meeting.	Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration.
Uburyo Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rufatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RFL.	Modalities for decision making by the Board of Directors are determined by the internal rules and regulations of RFL.	Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de RFL.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 19: Itumira mu nama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama

Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rushobora gutumira mu nama yarwo umuntu wese rubona ashobora kurwungura inama ku ngingo runaka rufite ku murongo w'ibygwa.

Uwatumwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

Ingingo ya 20: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera RFL mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Umuyobozi w'urwego rureberera atanga ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivugaho imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Urwego rureberera RFL mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera umunsi yemerejweho.

Article 19: Invitation of a resource person in meetings of the Board of Directors

The Board of Directors may invite in its meetings any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.

Neither shall the invitee be allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda.

Article 20: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors

Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after its meeting, and a copy is sent to the supervising authority of RFL in a period not exceeding five (5) working days.

The head of the supervising authority gives his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors in a period not exceeding fifteen (15) working days from its reception. If this period expires before he/she gives his/her views, the resolutions of the meeting are presumed definitively approved.

The minutes of the meeting of the Board of Directors is signed by the President and the rapporteur and is approved during the next meeting. The copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of RFL in a period not exceeding fifteen (15) working days from the day of its approval.

Article 19: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration peut inviter à ses réunions toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un certain point à l'ordre du jour.

La personne invitée n'a ni le droit de voter ni le droit de suivre les débats sur d'autres points inscrits à l'ordre du jour.

Article 20: Approbation des résolutions et procès-verbaux de la réunion du Conseil d'Administration

Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et transmises à l'autorité de tutelle de RFL dans une période n'excédant pas cinq (5) jours ouvrables.

Umubare wa ngombwa kugira ngo Inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.	Required quorum for a meeting to be held is two thirds (2/3). However, when a meeting is convened for the second time it is held regardless of attendance level.	Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Cependant, quand la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de présences.
Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.	The Director General attends the Board of Directors meetings.	Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration.
Uburyo Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rufatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya CESB.	Modalities for decisions making by the Board of Directors are determined by Internal Rules and Regulations of CESB.	Le mode de prise de décisions par le Conseil d'Administration est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de CESB.
<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person in the meeting of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration
Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rushobora gutumira mu nama yarwo umuntu wese rubona ko ashobora kurwungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa.	The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda.	Le Conseil d'Administration peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur une certaine question à l'ordre du jour.
Uwatumwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.	The invitee is not allowed to vote and to follow debates on other items on the agenda.	La personne invitée n'a pas droit de vote et de suivre les débats sur d'autres questions inscrites à l'ordre du jour.
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ishyingirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo	Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after its completion, and a copy is provided to the	Les résolutions du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et une copie est transmise à l'autorité

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

ikoherezwa urwego rureberera CESB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Umuyobozi w'urwego rureberera CESB atanga ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivuzeho, imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Urwego rureberera CESB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi

Umuyobozi Mukuru wa CESB ni we mwanditsi w'inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.

Umuyobozi Mukuru wa CESB ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.

Icyo gihe abagize inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.

supervising authority of CESB in a period not exceeding five (5) working days.

The Head of the supervising authority of CESB gives his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors in a period not exceeding fifteen (15) working days from the receipt of the report. If this period expires before he/she gives his/her views, the resolutions of the meeting are presumed definitively approved.

The minutes of the meeting of the Board of Directors is signed by the Chairperson and the rapporteur and is approved during the next meeting. The copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of CESB in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

Article 19: Rapporteur of meetings of the Board of Directors

The Director General of CESB is the rapporteur of meetings of the Board of Directors but he/she has no right to vote in decision making.

The Director General of CESB does not participate in the meetings that take decisions on issues that concern him/her.

In that case, members present in the meeting of the Board of Directors elect among themselves a rapporteur.

de tutelle de CESB dans une période n'excédant pas cinq (5) jours ouvrables.

Le Responsable de l'autorité de tutelle de CESB donne son avis sur les résolutions du Conseil d'Administration dans une période n'excédant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et est approuvé à la réunion suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de CESB dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à partir de la date de son approbation.

Article 19: Rapporteur du Conseil d'Administration

Le Directeur Général de CESB est le rapporteur du Conseil d'Administration, mais n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions.

Le Directeur Général de CESB ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent.

Dans ce cas, les membres présents à la réunion du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur.

Ingingo ya 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo umwe (1) mu bagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite zitaziguye cyangwa ziziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize inama y'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite zitaziguye cyangwa ziziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera CESB rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

Ingingo ya 21: Ibigenyerwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Ibigenyerwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa

Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa CESB

Urwego Nshingwabikorwa rwa CESB rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'Iteka rya Perezida. Rugizwe kandi n'abakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 20: Personal interest in issues on the agenda

When one (1) of the members the Board of Directors has got a direct or indirect interest in the issue to be examined, he/she must, immediately inform the meeting of the Board of Directors where his/her interest lies. The member informing of interests in the issue to be examined cannot attend the meeting deliberating on that issue.

When it happens that many or all members of the meeting of the Board of Directors have direct or indirect interest in the issue to be examined in such a way that it is impossible to take decision on the issue, the issue will be submitted to the CESB's supervising authority to decide on the matter within thirty (30) days.

Article 21: Sitting allowances of members of the Board of Directors

Sitting allowances of members of the Board of Directors are determined by a Presidential Order.

Section 2: Executive Organ

Article 22: Members of the Executive Organ of CESB

The Executive Organ of CESB is comprised of the Director General appointed by a presidential order. It is also be comprised of members of staff recruited in accordance with relevant laws.

Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour

Lorsqu'un (1) des membres du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il en informe immédiatement la réunion du Conseil d'Administration et montre où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce sujet.

Lorsqu'il survient que beaucoup ou tous les membres de la réunion du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, ce point est soumis à l'autorité de tutelle de CESB afin de décider sur l'affaire dans un délai de trente (30) jours.

Article 21: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration

Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration sont déterminés par un arrêté présidentiel.

Section 2: Organe Exécutif

Article 22: Membres de l'Organe Exécutif de CESB

L'Organe Exécutif de CESB est composé du Directeur Général nommé par un arrêté présidentiel. Il est aussi composé des membres du personnel

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

		recrutés conformément à la législation en la matière.
Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru Bungirije, rikanagena ububasha n'inshingano byabo.	A presidential order may also appoint the Deputy Directors General and determine their powers and responsibilities.	Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux adjoints et déterminer leurs pouvoirs et leurs attributions.
Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa CESB igenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The performance of duties of members of the Executive Organ of CESB is determined by a Prime Minister's order.	L'exercice des fonctions des membres de l'Organe Exécutif de CESB est déterminé par un arrêté du Premier Ministre.
<u>Ingingo ya 23: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 23: Responsibilities of the Executive Organ</u>	<u>Article 23: Attributions de l'Organe Exécutif</u>
Urwego Nshingwabikorwa rwa CESB rufite inshingano z'ingenzi zikurikira:	The Executive Organ of CESB has the following main responsibilities:	L'Organe Exécutif de CESB a les principales attributions suivantes:
1° gukurikirana no guhuza imirimo y'ibikorwa bya buri muni;	1. to monitor and coordinate daily activities;	1. suivre et coordonner les activités quotidiennes;
2° gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za CESB.	2. to perform any other duty falling under CESB mission as the Board of Directors may assign to it.	2. exécuter toute autre tâche relevant de la mission de CESB que le Conseil d'Administration peut lui confier.
<u>Ingingo ya 24: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa CESB</u>	<u>Article 24: Powers and responsibilities of the Director General of CESB</u>	<u>Article 24: Pouvoirs et attributions du Directeur Général de CESB</u>
Umuyobozi Mukuru wa CESB afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya CESB akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa.	The Director General of CESB has the power of decision in the administrative and financial management of CESB in accordance with relevant laws. He/she coordinates and directs the activities of CESB.	Le Directeur Général de CESB dispose du pouvoir de décision dans la gestion administrative et financière de CESB conformément aux lois en la matière. Il coordonne et dirige les activités de CESB.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Umuyobozi Mukuru wa CESB ashinzwe ibi bikurikira:

The Director General of CESB has the following responsibilities:

Le Directeur Général de CESB a les attributions suivantes :

- 1° gukurikirana imirimo ya buri muni ya CESB;
- 2° guhagararira CESB imbere y'amategeko;
- 3° kuba umuvugizi wa CESB
- 4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ya CESB;
- 5° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya CESB no gutanga raporo yabyo ku Rwego rw'Inama y'Ubuyobozi;
- 6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa byemezwa by'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ya CESB;
- 7° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya CESB yemezwa n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi ya CESB;
- 8° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya CESB;
- 9° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya CESB;

1. to follow up daily activities of CESB;
2. to serve as legal representative of CESB;
3. to serve as the spokesperson of CESB;
4. to ensure the implementation of the decisions of the Board of Directors of CESB;
5. to ensure the management of staff, equipment and property of CESB and submit a related report to the Board of Directors;
6. to draft the activity plan and report to be approved by the Board of Directors of CESB;
7. to draft a proposal of Internal Rules and Regulations of CESB to be approved by the Board of Directors of CESB;
8. to prepare the draft budget of CESB;
9. to ensure the execution of CESB budget;

1. faire le suivi des activités quotidiennes de CESB;
2. être le représentant légal de CESB ;
3. servir de porte-parole de CESB ;
4. assurer la mise en œuvre des décisions du Conseil d'Administration de CESB;
5. assurer la gestion du personnel, des équipements et du patrimoine de CESB et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration;
6. élaborer le plan et le rapport d'activités à être approuvés par le Conseil d'Administration de CESB;
7. élaborer un projet de règlement d'ordre intérieur de CESB à être approuvé par le Conseil d'Administration de CESB;
8. préparer le projet de budget de CESB;
9. assurer l'exécution du budget de CESB;

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

10° kwitabira inama z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi no kuba Umwanditsi wazo;	10. to attend the meetings of the Board of Directors and act as its rapporteur;	10. participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur;
11° gukora indi mirimo yahabwa n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano za CESB.	11. to perform any other duty relating to the mission of CESB as the Board of Directors may assign to him/her.	11. effectuer toute autre tâche relative aux missions de CESB que le Conseil d'Administration peut lui confier.
Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa CESB zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.	Responsibilities of other members of the staff of the Executive Organ of CESB are determined by a Prime Minister's order.	Les attributions des autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de CESB sont déterminées par un arrêté du Premier Ministre.
<u>Ingingo ya 25: Sitati igenga abakozi ba CESB</u>	<u>Article 25: Statutes governing the staff of CESB</u>	<u>Article 25: Statut régissant le personnel de CESB</u>
Abakozi ba CESB bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta.	The staff of CESB is governed by the General Statutes for Public Service.	Les membres du personnel de CESB sont régis par le Statut général de la fonction publique.
<u>Ingingo ya 26: Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 26: Salary and other fringe benefits for members of the Executive Organ</u>	<u>Article 26: Salaire et avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif</u>
Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa CESB biteganywa hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.	The salary and other fringe benefits for the staff of CESB are fixed in accordance with laws governing public service.	Le salaire et autres avantages accordés au personnel de CESB sont fixés conformément aux lois régissant la fonction publique.
<u>Ingingo ya 27: Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za CESB</u>	<u>Article 27: Organization and functioning of organs of CESB</u>	<u>Article 27: Organisation et fonctionnement des organes de CESB</u>
Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za CESB bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The organization and functioning of organs of CESB are determined by a Prime Minister's Order.	L'organisation et le fonctionnement des organes de CESB sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Icyiciro cya 3: Urwego Ngishwanama rwa CESB

Ingingo ya 28: Abagize Urwego Ngishwanama

Abagize Urwego Ngishwanama n'umubare wabo batoranywa mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iza Sosiyete sivili, bagashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 29: Inshingano z'Urwego Ngishwanama rwa CESB

Inshingano z'Urwego Ngishwanama ni izi zikurikira:

- 1° gutanga inama ku Rwego rw'Inama y'Ubuyobozi ku murongo ngenderwaho wa CESB;
- 2° gutanga inama ku Rwego rw'Inama y'Ubuyobozi zigamije guha CESB icyerekezo gihamye mu rwego rw'iterambere ry'ubushobozi bw'inzego, iry'abakozi n'iry'umurimo;
- 3° kugira CESB inama ku bijyanye no kugena ibyiciro by'imirimo bigomba kwitabwaho cyane mu rwego rw'iterambere ry'ubushobozi n'umurimo;
- 4° gutanga inama ku bindi bikorwa byose byinjira mu murongo w'inshingano za CESB.

Section 3: Consultative Organ of CESB

Article 28: Members of the Consultative Organ

Members of the Consultative Organ and their number are selected from public institutions, private sector and civil society and are appointed by a Prime Minister's order.

Article 29: Responsibilities of the Consultative Organ of CESB

Responsibilities of the Consultative Organ of CESB are the following:

- 1° to provide advice to the Board of Directors on the strategic guidance of CESB;
- 2° to provide advice to the Board of Directors aiming at giving CESB a strong vision in the area of institutional capacity-building, human resource development and employment promotion;
- 3° to provide advice to CESB on job sectors, which need special attention in the area of capacity-building and employment promotion;
- 4° to provide advice on any other activities relating to the mission of CESB.

Section 3: Organe Consultatif de CESB

Article 28: Membres de l'Organe Consultatif

Les membres de l'Organe Consultatif et leur nombre sont sélectionnés des institutions publiques, du secteur privé et de la société civile et sont nommés par un arrêté du Premier Ministre.

Article 29: Attributions de l'Organe Consultatif de CESB

Les attributions de l'Organe Consultatif de CESB sont les suivantes:

- 1° fournir des conseils au Conseil d'Administration sur l'orientation stratégique de CESB;
- 2° fournir des conseils au Conseil d'Administration visant à donner à CESB une vision forte dans le cadre du renforcement des capacités institutionnelles, du développement des ressources humaines et de la promotion de l'emploi;
- 3° fournir des conseils à CESB sur les secteurs d'activités requérant une attention particulière dans le cadre du renforcement des capacités et de la promotion de l'emploi;
- 4° fournir des conseils sur toute autre activité relative aux missions de CESB.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 30: Inshingano, imiterere, imikorere n'ububasha by'abagize Urwego Ngishwanama rwa CESB

Inshingano, imiterere, imikorere n'ububasha by'abagize Urwego Ngishwanama rwa CESB, bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 30: Responsibilities, organisation, functioning and powers of members of the Consultative Organ of CESB

The responsibilities, organisation, functioning and powers of members of the Consultative Organ of CESB are determined by a Prime Minister's order.

Article 30: Attributions, organisation, fonctionnement et pouvoirs des membres de l'Organe Consultatif de CESB

Les attributions, l'organisation, le fonctionnement et les pouvoirs des membres de l'Organe Consultatif de CESB sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Ingingo ya 31: Umutungo wa CESB n'inkomoko yawo

Umutungo wa CESB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa CESB ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

3° ibituruka ku mirimo ikora;

4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;

5° inguzanyo zihabwa CESB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

6° impano n'indagano.

Article 31: Property of CESB and its sources

The property of CESB is comprised of movable and immovable assets.

The property of CESB comes from the following sources:

1° State budget allocations;

2° State or partners' subsidies;

3° income from services rendered;

4° interests from its property;

5° loans granted to CESB as approved by the Minister in charge of finance;

6° donations and bequests.

Article 31: Patrimoine de CESB et ses sources

Le patrimoine de CESB comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de CESB provient des sources suivantes:

1. les dotations budgétaires de l'Etat;

2. les subventions de l'Etat ou des partenaires;

3. les revenus des services prestés;

4. les intérêts de son patrimoine;

5. les prêts accordés à CESB approuvés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;

6. les dons et legs.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 32: Ingingo y’Imari ya CESB

CESB itegura ingengo y’imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n’Urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 33: Imikoreshereze n’imigenzurire y’umutungo wa CESB

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsiri y’imikoreshereze y’umutungo wa CESB buha raporo Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi, bukagera kopi Umuyobozi Mukuru wa CESB.

Imikoreshereze y’umutungo wa CESB n’uburyo abakozi bayo bacungwa bigenzurwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 34: Raporo y’umwaka w’ibaruramari

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z’umwaka w’ibaruramari, umuyobozi Mukuru wa CESB ashikiranira urwego rureberera CESB raporo y’umwaka w’ibaruramari, imaze kwemezwa n’Urwego rw’Inama y’Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y’imari n’umutungo bya Leta.

Article 32: Budget of CESB

CESB prepares its annual budget to be approved by the relevant authority and executed in accordance with relevant laws.

Article 33: Use and audit of property of CESB

The internal audit of CESB submits its report to the Board of Directors and provides a copy to the Director General of CESB.

The use of property of CESB and the management of its staff are audited in accordance with relevant laws.

Article 34: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of CESB submits to the supervising authority of CESB the annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

Article 32: Budget de CESB

CESB prépare son budget annuel qui est approuvé par l’autorité compétente et exécuté conformément à la législation en la matière.

Article 33: Utilisation et audit du patrimoine de CESB

L’audit interne de CESB transmet son rapport au Conseil d’Administration et donne une copie au Directeur Général de CESB.

L’utilisation du patrimoine de CESB et la gestion de son personnel sont effectuées conformément à la législation en la matière.

Article 34: Rapport annuel de l’exercice comptable

Dans les trois (3) mois suivant la fin de l’exercice comptable, le Directeur Général de CESB transmet à l’autorité de tutelle de CESB le rapport annuel de l’exercice comptable après son approbation par le Conseil d’Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l’Etat.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 35: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 36: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 37: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, ku wa **18/10/2016**

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 35: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 36: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 37: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **18/10/2016**

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 35: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 36: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 37: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **18/10/2016**

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

ITEGEKO N°44/2016 RYO KU WA LAW N°44/2016 OF 18/10/2016 LOI N°44/2016 DU 18/10/2016
18/10/2016 RIHINDURA KANDI RYUZUZA MODIFYING AND COMPLEMENTING MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI
ITEGEKO N°15/2012 RYO KU WA LAW N°15/2012 OF 03/05/2012 N°15/2012 DU 03/05/2012 RELATIVE A
03/05/2012 RIGENA ITORA RELATING TO ELECTION L'ELECTION DES DEPUTES DU
RY'ABADEPITE B'U RWANDA MU PROCEDURES FOR RWANDAN RWANDA A L'ASSEMBLEE
NTEKO ISHINGA AMATEGEKO MEMBERS OF THE EAST AFRICAN LEGISLATIVE EST-AFRICAINE
Y'UMURYANGO W'AFURIKA LEGISLATIVE ASSEMBLY
Y'IBURASIRAZUBA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Uburyo Umudepite w'u Rwanda muri EALA ava mu mwanya n'uburyo asimburwa

Article One: Vacancy of seat and modalities of substituting a Rwanda member of EALA

Article premier: Vacance de siège et modalités de remplacement d'un Député du Rwanda à EALA

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

**ITEGEKO N°44/2016 RYO KU WA LAW N°44/2016 OF 18/10/2016 LOI N°44/2016 DU 18/10/2016 MODIFIANT
18/10/2016 RIHINDURA KANDI RYUZUZA MODIFYING AND COMPLEMENTING ET COMPLETANT LA LOI N° 15/2012 DU
ITEGEKO N° 15/2012 RYO KUWA LAW N°15/2012 OF 03/05/2012 03/05/2012 RELATIVE A L'ELECTION
03/05/2012 RIGENA ITORA RELATING TO ELECTION DES DEPUTES DU RWANDA A
RY'ABADEPITE B'U RWANDA MU PROCEDURES FOR RWANDAN L'ASSEMBLEE LEGISLATIVE EST-
NTEKO ISHINGA AMATEGEKO MEMBERS OF THE EAST AFRICAN AFRICAINE
Y'UMURYANGO W'AFURIKA LEGISLATIVE ASSEMBLY
Y'IBURASIRAZUBA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA,
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA
Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Nzeri 2016;

The Chamber of Deputies, in its session of 29 September 2016;

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 septembre 2016 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 et 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°06/2006 ryo ku wa 15/02/2006 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu

Pursuant to Organic Law n° 06/2006 of 15/05/2006 establishing internal rules of procedure of the Chamber of Deputies in the Parliament as modified and complemented to

Vu la Loi Organique n° 06/2006 du 15/02/2006 portant règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés du Parlement telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 16, 72, 76, 79 et 141;

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 16, iya 72, iya 76, iya 79 n'ya 141;	date, especially in Articles 16,72, 76, 79 and 141;	
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°08/2012 ryo ku wa 02/11/2012 rigena imikorere ya Sena, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 24 n'ya 143;	Pursuant to Organic Law n° 08/2012 of 02/11/2012 establishing rules of procedure of the Senate, especially in Articles 24 and 143;	Vu la Loi Organique n° 08/2012 du 02/11/2012 portant Règlement d'Ordre Intérieur du Sénat, spécialement en ses articles 24 et 143;
Ishingiye ku Masezerano ashiraho Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba yashyiriweho umukono Arusha muri Tanzaniya kuwa 30 Ugushyingo 1999 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 9, iya 48, iya 49, iya 50 n'ya 51;	Pursuant to the Treaty for the establishment of the East African Community, as amended to date, especially in Articles 9, 48, 49, 50 and 51;	Vu le Traité relatif à la création de la Communauté d'Afrique de l'Est, tel que révisé à ce jour, spécialement en ses articles 9, 48, 49, 50 et 51;
Ishingiye ku Masezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika y'u Rwanda mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda ku wa 18 Kamena 2007;	Pursuant to the Treaty of accession of the Republic of Rwanda to the East African Community, signed in Kampala, in Uganda, on 18 June 2007;	Vu le Traité d'adhésion de la République du Rwanda à la Communauté d'Afrique de l'Est, signé à Kampala en Ouganda en date du 18 juin 2007;
Ishingiye ku itegeko ryerekeye amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba ryo mu 2011;	Pursuant to East African Legislative Assembly Elections Act, 2011;	Vu la Loi régissant les élections à l'Assemblée Législative Est-Africaine, 2011 ;
Ishingiye ku Itegeko n° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;	Pursuant to Law n° 31/2005 of 24/12/2005 relating to the organization and functioning of the National Electoral Commission as modified and complemented to date, especially in Article 5;	Vu la Loi n° 31/2005 du 24/12/2005 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale Electorale telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 5;
Isubiye ku Itegeko n°15/2012 ryo ku wa 03/05/2012 rigena itora ry'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 22;	Having reviewed Law n°15/2012 of 03/05/2012 relating to election procedures for Rwandan members of the East African Legislative Assembly, especially in Article 22;	Revu la Loi n°15/2012 du 03/05/2012 relative à l'élection des Députés du Rwanda à l'Assemblée législative Est- Africaine, spécialement en son article 22;

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

YEMEJE:

Ingingo ya mbere: Uburyo Umudepite w'u Rwanda muri EALA ava mu mwanya n'uburyo asimburwa

Ingingo ya 22 y'Itegeko n° 15/2012 ryo ku wa 03/05/2012 rigena itora ry'Abadepite b'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, ihinduwe kandi yujwe ku buryo bukurikira:

“Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 51 y'amasezerano yerekeye ishyirwaho ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, Umudepite w'u Rwanda muri EALA asimburwa iyo:

- 1° inzego zagize uruhare mu kumushyiraho zisanze atacyujwe ibyangombwa kugira ngo akomeze abe Umudepite muri EALA;
- 2° ahamagariwe undi murimo ufitiye Igihugu cyangwa Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba akamaro;
- 3° agize uburwayi butuma adashobora gukomeza imirimo yatorewe byemejwe n'akanama k'abaganga;
- 4° yeguye;
- 5° apfuye.

ADOPTS:

Article One: Vacancy of seat and modalities of substituting a Rwanda member of EALA

Article 22 of Law n° 15/2012 of 03/05/2012 relating to election procedures for Rwandan members of the East African Legislative Assembly is modified and complemented as follows:

“Without prejudice to the provisions of Article 51 of the Treaty for establishment of the East African Community as amended to date, a Rwanda member of EALA is replaced if:

- 1° organs that participated in his/her election realise that he/she no longer fulfils the requirements to continue to be a member of EALA;
- 2° he/she is given other duties of the country's interest or of the East African Community;
- 3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a medical team;
- 4° he/she resigns;
- 5° he/she dies.

ADOPTE:

Article premier: Vacance de siège et modalités de remplacement d'un Député du Rwanda à EALA

L'article 22 de la Loi n° 15/2012 du 03/05/2012 relative à l'élection des Députés du Rwanda à l'Assemblée législative Est-Africaine est modifié et complété comme suit:

“Sans préjudice des dispositions de l'article 51 du Traité relatif à la création de la Communauté d'Afrique de l'Est tel que modifié à ce jour, un Député du Rwanda à EALA est remplacé lorsque:

- 1° les organes ayant participé à son élection constatent qu'il ne remplit plus les conditions requises pour continuer à être Député à EALA;
- 2° il est appelé à d'autres fonctions d'intérêt général du pays ou de la Communauté d'Afrique de l'Est;
- 3° il souffre d'incapacité physique ou mentale constatée par une équipe médicale;
- 4° il démissionne;
- 5° il décède.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Gusimbura Umudepite w'u Rwanda muri EALA bikorwa iyo avuye mu mwanya we asigaje nibura igihe kingana n'amezi atandatu (6) kugira ngo manda y'abagize EALA irangire. Icyakora gusimbura Umudepite wari usigaje igihe kiri muni y'amezi atandatu (6) bishobora gukorwa iyo bigaragaye ko umubare wa ngombwa uteganyijwe n'amategeko ya EALA kugira ngo Inteko iterane udashobora kuboneka.

Inzira zakoreshejwe kugira ngo abe Umudepite w'u Rwanda muri EALA ni na zo zikoreshejwe kugira ngo asimburwe.

Umudepite usimbuye Umudepite w'u Rwanda watakaje umwanya we muri EALA arangiza manda isigaye y'abagize EALA".

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

The substitution of a Rwandan member of EALA is done if the member vacates his/her seat six (6) months ahead of the end of the term of the members of EALA. However, the substitution of a member whose remaining term is less than six (6) months may be done if it is evident that the quorum specified by laws governing EALA cannot be obtained.

Modalities used to elect him/her as a Rwanda member of EALA are also used to substitute him/her.

A member who substitutes a Rwandan member who vacated his/her seat in EALA completes the remaining term of office of the members of EALA".

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Law are repealed.

Le remplacement d'un Député du Rwanda à EALA s'effectue lorsque le Député quitte son siège six (6) mois au moins avant la fin du mandat des membres d'EALA. Toutefois, le remplacement d'un Député dont le mandat restant à courir est de moins de six (6) mois peut s'effectuer lorsqu'il est constaté que le quorum spécifié par la législation régissant EALA ne peut pas être atteint.

Les modalités d'élection d'un Député du Rwanda à EALA sont également suivies pour son remplacement.

Un Député du Rwanda à EALA qui remplace un autre Député ayant quitté son siège termine la durée restant du mandat des membres d'EALA".

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Official Gazette n° Special of 18/10/2016

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **18/10/2016**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnson
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 4: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **18/10/2016**

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnson
Minister of Justice/Attorney General

Article 4: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **18/10/2016**

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnson
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux